



RNC-Ihuriro



FDU-Inkingi

Kuwa 07 Mata 2013

FDU-Inkingi n'Ihuriro RNC twifataniye n'Abanyarwanda bose mu cyunamo.

Ku nshuro ya 19, Abanyarwanda twese turazirikana abacu baguye mw'itsembabwoko ryo muri 1994. Ayo mahano yataye igihugu mu cyunamo, yababaje n'isi yose ndetse n'isura y'umunyarwanda irangirika bikomeye ku isi yose. Imyaka 19 irashize, igihugu kiva amaraso cyarabuze ubuyobozi buhumuriza abenegihugu bose, nta vangura , kugira ngo bizere ko amahano yabaye atazongera na rimwe. Kubera ubutegetsi bw'igitugu, Abanyarwanda ntibarasubiza imitima mu gitereko. Niyo mpamvu duhamagarira buri wese kwitanga, tugaharanira amahoro arambye mu rwatubyaye.

Mata 1994, ni igihe kitazibagirana mu mateka y'igihugu cyacu ubwo amaraso y'inzirakarengane yatembaga mu gihugu hose, kuri buri gasozi k'u Rwanda. Ihanurwa ry'indege yarimo Perezida Yuvenali Habyarimana w'u Rwanda na Perezida Cyprien Ntaryamira w'u Burundi hamwe n'intumwa z'ibihugu byombi, ryabaye imbarutso y'itsembabwoko ryibasiye abatutsi. Abantu barenga miliyoni barishwe bazira ubwoko bwabo batigeze bahitamo. Izindi miliyoni eshatu zihungira hanze y'igihugu. Benshi muribo nabo barishwe bazira ubwoko bwabo. Kuva icyo gihe indwara y' ubwoba yokamye igihugu cyose ku buryo ntawe usinzira yizeye ko azabyuka ari muzima.

Ubutegetsi bwakurikiye iyo miborogo n'imivu y'amaraso ubu bwashimuswe n'agatsiko k'abantu bake cyane kayobowe na Perezida Paul Kagame. Ako gatsiko aho gushakira ihumure Abanyarwanda bose bashegeshwe n'aya mahano kahisemo politiki y'ikirumirahabiri kagamije inyungu z'abakagize n'imiryango yabo gusa. Mu magambo karavuga ko karwanya ironwabwoko n'ivangura. Mu bikorwa kagatonesha inzigo hagati y'abenegihugu.

Abacitse kw'icumu rya genocide bagizwe nk'ibicuruzwa ako gatsiko kitwaza gasaba inkunga hiryana no hino. Nyamara ababo bakomeje guhera mu gihirahiro. Kwibuka abacu bazize itsembabwoko n'itsembatsemba, byemerewe bamwe gusa mu gihe abandi bagomba guhezwa bazira amarorerwa yakozwe n'intagondwa kandi batarigeze bazituma kujya kwica mw'izina ryabo.

Intagondwa, ubwoko zikomokamo bwose, ntibwigeze buzituma kwica, gusahura,

guhora no gukora andi marorerwa. Nta n'umwe ukwiye gutotezwa, yaba umuhutu, umutwa cyangwa umututsi, azira ibikorwa by'intagondwa zikomoka mu moko yose y'abanyarwanda.

Imyaka ibaye 19, Abanyarwanda bategereje ubutegetsu bubagarurira ihumire. Niyo mpamvu twiyemeje guhaguruka, tugahuriza hamwe ingufu n'ibitekerezo, tugaharanira ko Abanyarwanda babana mu bwuzuzanye no mu bwubahane bityo ivangura n'itotezwa rishingiye ku bwoko n'ikindi cyose bakabisezerera burundu.

Turasaba Umunyarwanda wese, guhaguruka tugaharanira ubwisanzure mu rwego rwa politiki bityo tukubakira hamwe igihugu kizira ivangura iryo ari ryo ryose.

Isomo rikomeye twese dukwiye gukura mu mahano yagwiriyeye igihugu cyacu ni iryo guharanira igihugu twese twibonamo no guca iteka ko ntawe uzongera kuzira icyo ari cyo. Buri munyarwanda akeneye ukwishyira ukizana n'ubutabera nyabwo.

Imiryango ya politiki yacu yifataniye n'Abanyarwanda bose muri iyi minsi y'icyunamo.

Komite Mpuzabikorwa ya FDU-Inkingi

Umuhuzabikorwa

Dr. Nkiko Nsengimana

Lausanne, Suisse

Komite Nshingwabikorwa y'agateganyo y'Ihuriro RNC

Umuhuzabikorwa

Dr. Théogène Rudasingwa

Washington DC, USA